



ITANGAZO RY'INGIRAKAMARO KU MPUNZI ZOSE NO KUBASABA UBUNGIRO BATUYE MU MUJYI KUBIJYANYE NA CORORONA VIRUS (COVID-19)

(bikozwe kuya 27 Mata 2020)

Kuya 15 Werurwe 2020 Leta ya Kenya yatangiye ingamba zikomeye mu kurwanya ikwirakwizwa rya coronavirus (covid-19). Guhera ku itariki 27 Werurwe 2020, hashyizweho itegeko ryo kwihanangiriza **abantu bose bari muri Kenya** mu **gihugu hose** kudasohoka murugo guhera Isamoya (z'umugoroba) kugeza sakumi n'imwe (z'igitondo). **Bikaba bizakomeza kugeza kuya 16 Gicurasi 2020 (birashoboka ko igihe cyakwiyongera hakurikijwe uko bizaba bimeze)**. Ntiwemerewe kuva murugo iwawe murayo masaha nuramuka utabyubahirije uzafungwa, ushobora no gushyirwa mukato na Leta ahantu mu minsi 14 kandi kubushobozi bwawe.

Icyongeyeho, kuwa 6 Mata 2020 Leta ya Kenya yatangaje ko nta kwinjira cyangwa gusohoka mumujyi wa Nairobi guhera kuwa 6 Mata 2020 nizindi ntara nka **Kilifi, Kwale na Mombasa guhera kuwa 8 Mata 2020**. **Aya mabwiriza azakomeza kugeza kuya 16 Gicurasi 2020**. Icyongeyeho, aya mabwiriza yashyiriweho intara ya **Mandera kuwa kuya 22 Mata 2020**.

Ntuzigere ugerageza kwinjira cyangwa gusohoka murutu duce cyagwa uzabihanirwa. Urashobora gukomeza gutembera mugace utuyemo

Utegekwa kwambara agapfuka munwa mugihe uri muruhame - Ariko ntuzibagirwe gukaraba intoki n'amazi n'isabune burigihe. Ni kubw'umutekano wawe ninyungu zawe. Kandi ufite uruhare mukugabanya ikwirakwizwa rya COVID-19. **Ariko icyitonderwa cy'ingirakamaro**: Niba utambaye maske, ushobora gucibwa amande angana n'amashillingi ya Kenya 20000, cyangwa igifungo cy'amezi atandatu cyangwa se byombi.

Mugihe Leta itangije gahunda yo gusuzuma abantu benshi muduce dutandukanye kugirango igabanye ikwirakwizwa rya COVID-19 mugihe uri mugace bikorewemo, usabwe kunvikana nabakozi bo muri minisiteri y'ubuzima.

Gerageza kudakora ingendo zitaringenzi cyane kumanywa. Niba bibaye ngombwa ko usohoka, **ugomba kwitwaza ibyangombwa byawe buri gihe**. Ibindi, **uhore uzirikana** umuyoboro utangwa na Leta ya Kenya kandi uwukurikize.

Nomero waboneraho ubufasha bwihutirwa

- **Kubufasha bwo kwiyandikisha/ guhabwa ibyangombwa**
Iburo bya leta bishinzwe kwandika impunzi (RAS) 0772057770
- **UNHCR Helpline**: 0800720063 (numero itishyura)
- **Ubufasha ku buvuzi bwihutirwa**:
NCCK 0704873342 / 0723281352 / 07 0723281362
- **Ku bufasha mu bijyanye n'amategeko (gufatwa, ufite ibibazo na polisi)**:
Kituo cha Sheria 0720806531
- **Kubijyanye n'ibibazo by'imibereho**:
Danish Refugee Council 0800720181
- **Kubijyanye na NHIF- (National Hospital Insurance Fund)**: 0740049502
- **Mu gihe wifuza ubufasha bwo kuganirizwa**
1190/ 1199/ 0721 336017
- **Mugihe ukorewe ihoterwa rishingiye kugitsina (GBV)**
1195/0800720501
- **Mubijyanye n'ubufasha bw'abana**
116

COVID 19 ikwirakwizwa mu gihe uyirwaye (yagukororeyeho cyangwa yakwitsamuriyeho); cyangwa se iyukoze ahantu hakozwe cyangwa kugikoresheje cyakoreshejwe n'umuntu uyirwaye. Uramutse wibonyeho bimwe mubimenyetso bya **COVID-19** nko kugira umuriro, gukorora, kugira umwuka muke no kugira ibibazo byo guhumeka **gerageza uhamagare minisiteri yubuzima** kuri numero 0800721316 (numero itishyurwa); 0732353535; cyangwa 0748592558 kugirango ubabwe icyerekezo.